JW.ORG™
Jya kuri www.jw.org/rw, uvaneho iyi PDF

Impamvu ababembe bashakaga umuti

Ibibembe bivugwa kenshi muri Bibiliya (2 Abami 5:1; Luka 5:12-14). Iyo ndwara yari bwoko ki? Kuki ababembe bakoraga uko bashoboye ngo babone umuti?

Mu rwego rw'umuryango, mukore ubushakashatsi mumenye byinshi ku ndwara Bibiliya yita ibibembe. Mushobora kwifashisha igitabo *Étude perspicace des Écritures* (nanone kiboneka mu ndimi nyinshi ku rubuga rwa jw.org, ahanditse ngo IBITABO > ISOMERO RYO KURI INTERINETI) cyangwa mukifashisha ibindi bitabo mushobora kubona.

Iyo Umwisirayeli yabaga amaze gukira ibibembe, hari umuhango yakoraga mbere yo gusubira mu buzima busanzwe. Musome mu Balewi 14:2, 4, 8, 10, 20, maze mutondeke amashusho ari hasi aha mukurikije ibyo umurwayi wabaga amaze gukira ibibembe yakoraga n'ibyo umutambyi yamukoreraga.

▶ **NONEHO GERAGEZA IBI BIKURIKIRA:** Musome muri Luka 5:12-15, mumenye uko Yesu yakizaga ababembe yahuraga na bo. Noneho, mwandike abantu muzi barwaye indwara zikomeye, muganire ibirebana n'uko mwakwigana ineza ya Yesu mukagira ibyo mubakorera.

Ibisubizo **1.** Umubembe wakize ajya ku mutambyi. **2.** Umubembe azarna inyoni ebyiri. **3.** Umubembe ameesa imyambaro ye. **4.** Umubembe ajyana amapfizi abiri yintama n'umwana w'intama. **5.** Umutambyi atura ayo maturo.

www.jw.org © 2013 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania